Our Ref: 1950/RRA/CG/TPS/2023
Your Ref: ......................

Date: 19 DEC 2023

**ITANGAZO**

**Kwibutsa ibigomba gukorwa mbere yo gusoza 2023**

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) kiramenyesha abasora bose ko **mu gihe cyo kumenyekanisha umusoro ku nyungu z'umwaka wa 2023 ibyatunze umwuga bitangirwa inyemezabuguzi mu Rwanda, bizemerwa na sisitemu y'ikoranabuhanga ari uko bifite inyemezabuguzi za EBM, imenyekanisha ryo muri Gasutamo, iry'imisoro ifatirwa cyangwa ubwicungure bugaragara mu ifoto y'umutungo.**

Tuboneyeho kongera kubibutsa ibi bikurikira mbere yo gusoza umwaka wa 2023:

1. Gusuzuma ko ingano n'agaciro k'ibicuruzwa biri mu bubiko bihura n'ibigaragazwa na sisitemu ya EBM kugira ngo mu ibaruramari risoza umwaka w'isoresha wa 2023 hazakoreshwe imibare nyakuri nk'uko biteganywa n'amategeko;

2. Abasora batakorewe inyemezabuguzi z'ibicuruzwa cyangwa serivisi baguze baributswa ko bagomba kuzaka aho baguriye bitarenze tariki ya 31/12/2023 kugira ngo ibyatunze umwuga byabo byemerwe.

**Icyitonderwa:** Usora wacuruje ibintu atabitangiye inyemezabuguzi ya EBM arasabwa kuzikora no kumenyekanisha umusoro ugendanye nazo bitarenze tariki 31/12/2023 kugira ngo ububiko bwe bube buri ku murongo.

Tuboneyeho kugira inama abasora bose ko kumenyekanisha umusoro ku nyungu z'umwaka wa 2023 byazakorwa bitarenze tariki 15/02/2024 kugira ngo abakenera ubufasha bazabuhabwe mbere y'itariki ntarengwa.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara numero yacu itishyurwa 3004.

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA P.O BOX 3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Komiseri Mukuru**